Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Uburinganire
n'Iterambere ry'Umuryango

world relief®
RWANDA

# UBUKANGURAMBAGA KU BURERE BUBONEYE N'UBURENGANZIRA BW'UMWANA



**"Mubyeyi, ha abana uburere buboneye bakure barindwa ihohoterwa, ubatoze indangagaciro zibategura kuba ingirakamaro ku muryango no ku Gihugu"**


www.migeprof.gov.rw
@RwandaGender
RwandaGender
rwanda_gender
9059

Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

# IBY'INGENZI BIRANGA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE

## MU BUKUNGU

- Kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere ubukungu bw'umuryango no kwivana mu bukene,
- Kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari,
- Kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu iterambere ry'ubukungu,
- Kugira rondereza cyangwa ubundi buryo bwo guteka butangiza ibidukikije.

## MU MIBEREHO MYIZA

- Kugira inzu yo kubamo itari mu manegeka kandi ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura, inzu zigenewe amatungo yo mu rugo ku bayafite n'ubwiherero buboneye bufite isuku,
- Kugira isuku ku mubiri, isuku y'aho utuye no ku bikoresho byo mu rugo,
- Kutarangwamo imirire mibi
- Abana bose bari munsi y'imyaka 6 bagerwaho na serivisi za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato,
- Abana bose biga kandi bakurikiranwa mu myigire yabo ntibate ishuri,
- Guha abana uburere buboneye, barindwa gusambanywa n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose,
- Kugira ubwishingizi bw'indwara ku bawugize kandi bakivuza ku gihe,
- Kuboneza urubyaro.

## MU MIYOBORERE MYIZA

- Kutarangwamo amakimbirane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
- Kurangwa n'indangagaciro z'umuco nyarwanda,
- Kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bagize umuryango,
- Kwirinda ibyaha, ruswa, ibiyobyabwenge no kugira uruhare mu kurinda umutekano w'abaturanyi,
- Kwitabira gahunda zose z'Igihugu: Umuganda, Umugoroba w'imiryango (Abagabo, Abagore,Urubyiruko n'Abana), Itorero ryo ku mudugudu, Inteko z'abaturage n'izindi

Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Uburinganire
n'Iterambere ry'Umuryango

world relief®
RWANDA

# Dufatane urunana twubaka umuryango ushoboye kandi utekanye (UUU).

- Guteza imbere ubumwe n'ibiganiro mu muryango
- Gutanga uburere buboneye
- Gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina n'isambanywa ry'abana
- Kurinda no kurengera umwana

www.migeprof.gov.rw
@RwandaGender
RwandaGender
rwanda_gender
9059